REPUBULIKA Y' U RWANDA

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

Rigejejwe ku Nteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite

ku wa 26 Ugushyingo 2019

na

Dr. Uzziel NDAGIJIMANA

Minisitiri

I. INTANGIRIRO

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

1. Nk'uko biteganywa n' ingingo ya 149 y'Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta, nejejwe no kubagezaho uko ubukungu bw'igihugu cyacu buhagaze kugeza muri Nzeri 2019, hamwe n'uko ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/20 mwemeje muri Kamena uyu mwaka yashyizwe mu bikorwa mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imali ya 2019-2020.

II. UKO UBUKUNGU BW'ISI BUHAGAZE MURI IKI GIHE

2. Raporo k'ubukungu bw'Isi ***(****World Economic Outlook****)*** yatangajwe n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) mu Ukwakira 2019, iteganya ko ubukungu bw'Isi buzazamuka ku gipimo cya **3%** mu mwaka wa 2019. Iki gipimo kikaba cyaragabanyijwe ugereranyije n'igipimo cya **3.3%** cyari cyateganyijwe muri Mata 2019. Mu mwaka wa 2020, ubukungu bw'Isi buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **3.4%** ugereranyije n'igipimo cya **3.6%** cyari cyateganyijwe muri Mata 2019.

Iki gipimo kikaba kandi kiri hasi y'igipimo cya **3.6%** ubukungu bw'Isi bwazamutseho mu mwaka wa 2018. Uku kugabanya igipimo cyo kwiyongera k'ubukungu bw'Isi, bikaba bigendanye no gukomeza guhangana mu bya politiki n'ubucuruzi hagati y'ibihugu bimwe na bimwe bituma iterambere ry'ubucuruzi n'ubuhahirane ritagenda neza; byose bikagira ingaruka ku ishoramari muri rusange.

3. **Ubukungu bw'ibihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara** buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **3.2%** mu mwaka wa 2019 aho kuba **3.5%** nkuko byari byateganyijwe muri Mata 2019. Naho mu mwaka wa 2020 buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya **3.6%** aho kuba **4%**.

4. **Ubukungu bw'ibihugu byo mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba *(EAC)*** bwazamutse ku mpuzandengo ya **4.5%** mu mwaka wa 2018, buteganyijwe kuzamuka ku mpuzandengo ya **5.6%** mu mwaka wa 2019 aho kuba **5.5%** nkuko byari byateganyijwe muri Mata. Ubukungu bwo muri ibi bihugu bukaba buteganyijwe kuzamuka ku mpuzandengo ya **5.8%** mu mwaka wa 2020.

III. UBUKUNGU BW'IGIHUGU CYACU KUGEZA KU MPERA Z'IGIHEMBWE CYA MBERE CY'UMWAKA WA 2019/20

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

5. **Ubukungu bw'igihugu cyacu** bwazamutse ku gipimo cya **12.2%** mu gihembwe cya Kabiri cy'umwaka wa 2019 buvuye ku 8.4% mu gihembwe cya mbere, biturutse ku musaruro mwiza w'urwego rw'inganda wazamutse ku gipimo cya **21%,** n' urwego rwa Serivisi rwazamuka ku gipimo cya **12%,** naho ubuhinzi bukazamuka ku gipimo cya **5%**.

6. **Kuzamuka k'umusaruro w'urwego rw'inganda** ku gipimo cya **21%** kwaturutse ahanini ku bwubatsi bwazamutse ku gipimo cya **32%,** bitewe n'imishinga y'ubwubatsi yaba iya Leta cyangwa iy'abikorera**,** k'umusaruro ukomoka ku nganda zitunganya ibiribwa n'ibinyobwa wazamutse ku gipimo cya **16%,** mu gihe umusaruro w'urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro wazamutse ku gipimo cya **13%.**

7. **Umusaruro w'urwego rwa Serivisi** wazamutse ku gipimo cya **12%** biturutse ahanini ku bucuruzi**,** amahotel na resitora byazamutse ku gipimo cya **13%** hamwe no gutwara abantu n'ibintu byazamutse ku gipimo cya **17%** cyane cyane bitewe na Rwandair**.**

8. Hakurikijwe ibimaze kugerwaho kugera mu mpera z'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2019, aho umusaruro mbumbe w'igihugu (GDP) wazamutseho 10.3%, igipimo cy'izamuka ry'ubukungu bw'igihugu cyacu giteganyijwe mu mwaka wa 2019 cyasubiwemo kiva kuri 7.8% nkuko byari biteganyijwe mu ntangiriro z'umwaka kigera ku **8.5%.** Izamuka ry'ubukungu rikaba riteganyijwe gukomeza kwiyongera ku gipimo cya **8%** mu gihe giciriritse.

9. **Igipimo rusange cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko *(Inflation)*** cyageze kuri **4.4%** mu Ukwakira kivuye kuri **3.1%** muri Nzeri bitewe ahanini no kwiyongera kw'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye. Mu gihe giciriritse, igipimo rusange cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko kikaba giteganyijwe gukomeza kuba munsi y'impuzandengo ya **5%**.

10. **Mu rwego rw'ubuhahirane n'amahanga;** Ingano mu bwinshi (volume) y'ibyo twohereza mu mahanga yiyongereye ku gipimo 42.8% ugereranyije n' igihe nk'iki cy'umwaka wa 2018. Ariko agaciro

k’ibyo twohereza mu mahanga kazamutse ku gipimo cya 6.1% bitewe ahanini n’ ibiciro by’ibicuruzwa by’ibanze twohereza mu mahanga byaguye ku buryo bukurikira: Ikawa -12.6%, Icyayi -8.1%, Coltan, -25.2% Wolfram -15.9%, Castelitte -5.1%. Ibyo dutumiza ku isoko mpuzamahanga byiyongereye ku gipimo cya 15.2 % bitewe ahanini n’ibikoresho nkenerwa mu gukora imishinga y’iterambere itandukanye cyane cyane iyo mu rwego rw’ubwubatsi n’inganda. Ibyo byatumye icyuho hagati y’ibyo dutumiza n’ibyo twohereza mu mahanga kiyongereye ku gipimo cya 21.8% ugereranyije n’uko cyanganaga mu gihe nk’iki cy’umwaka ushize wa 2018.

11. Umwenda w’igihugu uri ku gipimo cy**o** hasi **kuko uri kuri** 32% by’umusaruro mbumbe w’igihugu**, ukaba uteganyijwe no kuguma munsi y’igimo cya** 50% by’umusaruro mbumbe w’igihugu, nkuko biteganywa n’ingamba z’igihe gicirirtse zo gucunga umwenda w’igihugu *(Medium-Term Debt Strategy**).***

12. **Ku birebana n’urwego rw’imari na politiki y’ifaranga,** muri rusange ibipimo bihagaze neza. Inguzanyo zihabwa urwego rw’abikorera ziyongereye ku gipimo cya **11.8%** ugereranyije na **11%** mu mpera z’umwaka wa 2018. Agaciro k’ifaranga ry’igihugu cyacu ugereranyije n’ Idolari ry’Amerika, kagabanutse ku gipimo cya **3.49%** kugera mu mpera z’ukwezi kwa Nzeri 2019.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

13. Nyuma yo kubagezaho imiterere y'ubukungu, munyemerere mbagezeho muri make aho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/20 ryari rigeze kugeza mu pera z'ukwezi kwa Nzeri 2019.

14. Nk'uko mubizi, Ba Nyakubahwa Badepite, ingengo y'imari mwemeje muri Kamena uyu mwaka, ingana na **Miliyari 2,876.9** z'amafaranga y'u Rwanda. Muri yo, akomoka imbere mu gihugu habariwemo n'inguzanyo z'imbere mu gihugu ateganyijwe kugera kuri **Miliyari 1,963.8** z'amafaranga y'u Rwanda, naho inkunga z'amahangaziteganyijwe kugera kuri **Miliyari 409.8** mu gihe inguzanyo z'amahanga zigera kuri **Miliyari 497**.

15. Amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ingengo y'imari isanzwe ***(recurrent budget)*** aragera kuri **Miliyari 1,424.5** z'amafaranga y'u Rwanda, azakoreshwa mu ngengo y'imari y'iterembere iragera kuri **Miliyari 1,152.1** z'amafaranga y'u Rwanda, naho azakoreshwa mu ishoramari rya Leta (Net lending) aragera kuri **Miliyari 244.1**. Hari kandi n'amafaranga agera kuri **Miliyari 30.6** yagenewe kwishyura

ibirarane, n'andi angana na **Miliyari 25.5** azakoreshwa mu kongera ubwizigame bwa Leta.

16. Kugera mu mpera z'ukwezi kwa Nzeri 2019, amafaranga yose yinjijwe mu ngengo y'imari angana na **Miliyari 630.4**, ugereranije na **Miliyari 670.4** yari ateganyijwe kwinjizwa muri iki gihe. Amafaranga aturuka ku misoro yinjijwe agera kuri **Miliyari 365.4** z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yararenzeho **miliyari 8.6** ugereranyije na **Miliyari 356.8** yari ateganyijwe. Amafaranga akomoka ku mahoro yinjijwe aragera kuri **Miliyari 65.3**, ugereranyije na **Miliyari 63** z'amafaranga y'u Rwanda yari ateganyijwe kwinjira.

17. Amafaranga aturuka hanze y'igihugu yinjijwe yageze kuri **Miliyari 172.5**, ugereranyije na **Miliyari 155** yari ateganyijwe kwinjira kugera mu mpera za Nzeri 2019, akaba yararenzeho **Miliyari 17.5**. Uku kurenga kw'amafaranga yari ateganyijwe guturuka hanze kukaba kwaraturutse ku nkunga zitatangiwe igihe mu ngengo y'imari ya 2018/19.

18. **Ku birebana n'uburyo amafaranga yakoreshejwe,** kugera mu mpera z'ukwezi kwa Nzeri, amafaranga yakoreshejwe habariwemo n'ishoramari rya Leta agera kuri **Miliyari 681.8** z'amafaranga y'u

Rwanda, bingana na 99.2% ugereranyije na **Miliyari 687.6** yari ateganyijwe gukoreshwa.

19. Amafaranga yakoreshejwe mu ngengo y'imari isanzwe yageze kuri **Miliyari 345.9** bingana na 96.9% ugereranyije na **Miliyari 356.8** yari ateganyijwe gukoreshwa. Amafaranga yakoreshejwe mu mishanga y'iterambere yageze kuri **Miliyari 281.9** ugereranyije na **Miliyari 277.4** yari ateganyijwe gukoresha. Naho amafaranga yakoreshejwe mu ishoramari rya Leta (Net Lending), yageze kuri **Miliyari 45.2** ugereranyije na **Miliyari 45.4** yari ateganyijwe gukoreshwa muri iki gihe.

-Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b'Inteko Ishinga Amategeko;
-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

20. Nyuma yo kubagaragariza aho tugeze dushyira mu bikorwa ingengo y'imari y'umwaka w'ingengo y'imali ya 2019/20, munyemerere mbagezeho mu ncamake ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu nzego zitandukanye kugeza mu mpera za Nzeri 2019:

a) Mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi:

21. Ibikorwa by’ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu gutegura ku gihe igihembwe cy’ihinga cya 2020A, hakomeje gahunda yo kugeza ku bahinzi imbuto z’indobanure n’ifumbire mvaruganda mu rwego rwo kongera umusaruro.
- ✓ Mu rwego rwo kongerera umusaruro w’ibihingwa byoherezwa mu mahanga, hatunganijwe Toni 5,721 z’ikawa ugereranyije na Toni 6,168 zari ziteganyije na Toni 6,079 z’icyayi ugereranyije na Toni 5,959 zari ziteganyije;
- ✓ Hagamijwe kongera umusaruro ukomoka ku bworozi, hakomeje gahunda yo gutera inka intanga no kuzikingira indwara zitandukanye.
- ✓ Mu rwego rw’ubwishingizi mu buhinzi n’ubworozi, abahizi bagera kuri 200 n’aborozi 5,200 bafashe ubwishingizi bw’ibihingwa n’amatungo yabo.

b) Mu rwego rw’ubucuruzi n’inganda

22. Ibikorwa by’ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Amasoko akorerwamo ubucuruzi bwambukiranya umupaka ya Rubavu na Rusizi yatangiye gukora, kugeza ubu irya Rubavu ryitabirwa ku gipimo cya 54% naho irya Rusizi ryitabirwa ku gipimo cya 58%;

- ✓ Mu rwego rwo gukomeza gutunganya no kongerera agaciro umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi, amata angana na litilo miliyoni 2 yarakusanyijwe atunganyirizwa mu nganda zitandukanye hirya no hino mu gihugu ugereranyije na litilo miliyon 1.1 zari ziteganyijwe;

c) Mu rwego rw'ingufu:

- ✓ Ingo 38,954 zahawe amashanyarazi ashamikiye ku muyoboro (on-grid) ugereranyije n'ingo 18,334 zari ziteganyijwe, naho ingo 31,105 zihabwa amashanyarazi ashingiye ku ngufu z'imirasire y'izuba (off-grid) ugereranyije n'ingo 12,500 zari ziteganyijwe. Byongeye, ahantu hakorerwa ibikorwa bitanga umusaruro hagera ku 113 hagejejwe amashanyarazi ashamikiye ku muyoboro (on-grid) ugereranyije n'ahantu 45 hari hateganyijwe. Ibi bikaba bigaragaza ko gahunda yo gukwirakwiza amashanyarazi iri ku muvuduko mwiza.
- ✓ Imirimo yo kubaka, gusana no kwagura imiyoboro y'amashanyarazi itandukanye yarakomeje. Imiyoboro ya Km 79.3 harimo uwa Mamba-Rwabusoro-Rilima wa KV 220 n'uwa Bugesera-Gahanga wa KV 110 yarakomeje, imirimo ikaba yarageze ku gipimo cya 90% ugereranyije na 60% cyari giteganyijwe.

- ✓ Imirimo yo kubaka uruganda rw'amashanyarazi aturuka kuri nyiramugengeri mu Karere ka Gisagara ruzatanga MW 80 yarakomeje, imirimo ikaba yarageze ku gipimo cya 81.8% ugereranyije na 70% cyari giteganyijwe.
- ✓ Imirimo yo kubaka urugomero rw'amashanyarazi rwa Rusumo ruzatanga MW 80 duhurireho n'ibihugu by'abaturanyi (Tanzaniya n'Uburundi) yarakomeje, imirimo ikaba yarageze ku gipimo cya 53% ugereranyije na 50% cyari giteganyijwe.

d) Mu rwego rw'amazi, isuku n'isukura:

23. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓ Mu rwego rwo kongera ubushobozi bw'amazi aboneka ku munsi akava kuri M^3 267,660 akagera kuri M^3 322,660 mu mwaka wa 2019, imirimo yo kubaka uruganda rutunganya amazi rwa GIHIRA II mu mujyi wa Rubavu yageze ku gipimo cya 30% nkuko byari biteganyijwe; uru ruganda ruzatanga amazi angana na M^3 15,000 ku munsi. Imirimo y'inyongera yo gufasha gukwirakwiza amazi ava ku ruganda rwa KANZENZE igeze ku gipimo cya 60.5% ugereranyije n'igipimo cya 60% cyari giteganyijwe; uru ruganda rukazatanga amazi angana na M^3 40,000 ku munsi akazafasha kugeza amazi meza mu karere ka Bugesera no mu mujyi wa Kigali.
- ✓ Mu rwego rwo gukomeza kugeza amazi meza ahantu hakorerwa ibikorwa bitanga umusaruro (amashuri, amavuriro n'inganda),

ibikorwa 26 (harimo amashuri 17, ibigo nderabuzima 3 n'amazu akoreramo ibigo bya Leta 6) byagejejweho amazi meza ugereranije na 20 byari biteganijwe;

Hakomeje imirimo yo kubaka Km 171 z' imiyoboro y'amazi mu turere dutandukanye iteganyijwe kugeza amazi meza ku baturage 124,241 mu bice by'icyaro. Imirimo yo kubaka imiyoboro ireshya na Km 127 mu karere ka Gicumbi ku bufatanye na WASH igeze ku gipimo cya 65.5%, imirimo yo kubaka umuyoboro wa Ruhunde-Rushara ureshya na Km 19.6 mu karere ka Burera igeze ku gipimo cya 98% ugereranyije na 80% yari iteganyijwe, imirimo yo kwagura umuyoboro w'amazi ugera mu cyanya cy'inganda cya Rwamagana na Centeri y'ubucuruzi ya Ntunga igeze ku gipimo cya 75% nkuko byari biteganyijwe.

e) Mu rwego rwo gutwara abantu n'ibintu:

24. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

✓ Hakomeje imirimo yo gusana imihanda ya kaburimbo itandukanye ireshya na Km 262. Umuhanda Huye-Kitabi ureshya na Km 53 wageze ku gipimo cya 96.5% ugereranyije n'igipimo cya 95% cyari giteganyijwe; umuhanda wa Kagitumba-Gabiro ureshya na Km 57 wageze ku gipimo cya 98.4% ugereranyije n'igipimo cya 95% cyari giteganyijwe; naho umuhanda Kayonza-Rusumo ureshya na Km 92 ukaba ugera ku gipimo cya 85% nkuko byari biteganyijwe;

✓ Hakomeje kandi imirimo yo gukora imihanda y'igitaka itandukanye igahindurwamo kaburimbo; harimo imirimo y'inyongera mu kubaka umuhanda wa Kivu Belt Lot 7 Gisiza-Rubavu izafasha kubaka umuhanda ugera ku bitaro bya Murunda no ku ruganda rwa BRALIRWA igeze ku gipimo cya 32.17% ugereranyije na 30% yari iteganyijwe, umuhanda wa Base-Rukomo ureshya na Km 51.54 wageze ku gipimo cya 95.1% nkuko byari biteganyijwe, Umuhanda wa Nyagatare-Rukomo ureshya na Km 73 ugera ku gipimo cya 38.8% ugereranyije na 45% yari iteganyijwe naho umuhanda wa Huye-Kibeho-Ngoma ureshya na Km 66km ugera ku gipimo cya 25.4% nkuko byari biteganyijwe.

✓ Imirimo yo kubaka imihanda itandukanye yo mu Mujyi wa Kigali ifite Km 54 hamwe n'iyo mu mijyi yunganira Umujyi wa Kigali yarakomeje ikaba igeze ku gipimo cya 97%; naho umuhanda Sonatube - Gahanga-Akagera ukaba warageze ku gipimo cya 33% ugereranyije n'igipimo cya 20% cyari giteganyijwe;

f) Mu rwego rwo guteza imbere imiturire:

25. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

✓ Amakuru agendanye n'ingo zituye ahashyira ubuzima bw'abazituye mu kaga yarakusanyijwe nkuko byari biteganyijwe, izigera kuri 20 zo mu turere twa Muhanga na Rutsiro zafashijwe kwimuka batuzwa

neza mu midugudu. Intego y'umwaka wa 2019/20 akaba ari ukwimura ingo zigera kuri 730.

- ✓ Mu rwego rwo guteza imbere imiturire myiza mu cyaro, hakomeje gutegurwa ahazubakwa imidugudu y'icyitegererezo (IDP model Villages) mu Turere twa Nyagatare, Gicumbi, Burera na Nyaruguru; aho iyo midugudu izubakwa hamwe n'abagenerwa bikorwa bamaze gutoranywa inyigo nazo zari zigeze kure zikorwa;
- ✓ Hakomeje kandi imirimo yo kubaka inyubako za Leta zitandukanye: Inyubako y'ububiko bw'inyandiko ku rwego rw'igihugu iri ku Kacyiru igeze ku gipimo cya 49.7% ugereranyije n'intego ya 46.6%;

g) Mu rwego rw'uburezi:

26. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓Imirimo yo kubaka ibyumba by'amashuri 1,150 n'ubwiherero 1,084 biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019/20 igeze ku gipimo cya **32.46%**;
- ✓Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ireme ry'uburezi n'imyigire, amashuri 556 yo mu byiciro bitandukanye yaragenzuwe agirwa inama z'ibigomba kongerwamo imbaraga
- ✓Hatanzwe ibitaboi by'imfashanyigisho mu masomo y'Icyongereza n'Imibare bigera ku 140,839 mu mashuri atandukanye;

- ✓Imirimo yo kubaka amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro ya Muhanga igeze ku gipimo cya **94%** ikaba iteganyijwe kurangirana n'iki gihembwe cya kabiri turimo; imirimo yo kubaka ishuri ryigisha Kwakira neza abatugana *(Hospitality Management Institute)* rihereereye mu murenge wa Remera mu karere ka Gasabo igeze ku gipimo cya **82%** naho IPRC Ngoma ikaba yari igeze ku gipimo cya **85%.**

h) Mu rwego rw'ubuzima:

27. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓Mu rwego rwo kurwanya Malariya, hatewe imiti yica imubu itera Malariya mu Turere twagaragayemo malariya kurusha utundi: Mu Karere ka Kirehe hatewe umuti mu ngo 96,635 naho mu Karere ka Nyagatare haterwa umuti mu ngo 125,077;

- ✓Mu rwego rwo guhangana n'indwara zitandura, abakozi bo mu bigo nderabuzima 155 bahawe amahugurwa mu kuvura no gukumira izo ndwara.

- ✓Muri gahunda yo kwegereza abaturage serivisi z'ubuvuzi, kubaka ibitaro bya Gatunda bigeze ku gipimo cya 85%; kubaka Ibitaro bya Munini bigeze ku gipimo cya 44.3%; kubaka Ibitaro by'Akarere ka

Nyarugenge bigeze ku gipimo cya 87%, naho ibitaro bya Nyabikenke igeze kuri 60%;

i) Mu rwego rw'ubutabera:

28. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓Mu rwego rwo gukomeza kwegereza abaturage ubutabera, Abunzi bakiriye imanza ibihumbi 10,774 murizo ibihumbi 9,419 zingana na **87%** zarakemuwe, naho 1,355 zingana na 13% zari zigisuzumwa;

- ✓Abaturage bakomeje guhabwa ubufasha mu butabera binyuze mu nzu zitanga ubwo bufasha (MAJ) hakiriwe imanza 4,682 murizo 99% zarakemuwe ugereranyije n'intego yo gucyemura 99.5%.

j) Mu rwego rw'imibereho myiza:

29. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:

- ✓Imiryango igera ku 13,127 yahawe akazi muri gahunda y'imirimo rusange ya VUP naho imiryango igera ku 98,119 ihabwa inkunga y'ingoboka ugereranyije n'imiryango 86,771 yari iteganyijwe;

- ✓Imiryango ibihumbi 3,247 yahawe inka muri Gahunda ya GIRINKA ugereranyije n'imiryango 1,532 yari iteganyijwe, abana bari munsi

y’imyaka 5 bagaragaweho imirire mibi bagera ku bihumbi 9,239 bahabwa amata ugereranyije 12,225 bari bateganyijwe; naho abana ibihumbi 86,531 hamwe n’abagore batwite n’abonsa ibihumbi 19,099 bahabwa ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri.

- ✓ Mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza (Human Security), hubatswe amazu y’abatishoboye agera ku 2,653 ugereranyije n’amazu 2,294 yari ateganyijwe hasanywe amazu agera kuri 681, hubakwa ubwiherero 2,877 naho aho ubugera ku 10,266 burasanwa aho butari bumeze neza;

IV. UMWANZURO

-Nyakubahwa Perezida w’Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w’Abadepite;

-Ba Nyakubahwa ba Vice Perezida b’Inteko Ishinga Amategeko;

-Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

30. Mu gusoza, nongeye gushimira Inteko Ishinga Amategeko, ku bufatanye mutugaragariza mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ingengo y’imari na gahunda y’ubukungu hamwe n’inama n’ibitekerezo mudahwema kuduha binyuze mu biganiro bitandukanye na komisiyo zigize Inteko Ishinga Amategeko.

31. Dukurikije uko imibare ihagaze ubungubu hamwe n’ikigereranyo mu gihe gicirirtse, twizeye ko ubukungu bw’igihugu cyacu buzakomeza kuzamuka ku gipimo gishimishije kandi ko ingengo y’imari mwatoye izashyirwa mu bikorwa uko biteganyijwe.

32. Nagira ngo nsoze kandi mbizeza ko raporo nk’iyi tuzajya tuyibagezaho buri gihembwe nkuko biteganywa n’ ingingo ya 149 y’Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n’Umutungo bya Leta.

MURAKOZE, NDABASHIMIYE!!